# Zimwe muri 'operation' zikomeye za gisirikare zitazibagirana mu mateka y'Isi

**Bikuwe munkuru yanditswe na David Eugène Marshall**
**Kuya 30 Ukuboza 2017**



Ibintu byinshi byababashije guhinduka ku Isi nyuma y'ibikorwa bya gisirikare byagiye bikorwa mu ibanga rikomeye, abari ibikomerezwa bashyirwa hasi ndetse imbohe zisubizwa ubwigenge, byose bigendeye ku bwenge buhambaye bwakoreshwejwe bwuzuzanya n'ibikoresho bya gisirikare byihariye .

Tugiye kugaruka ku bikorwa bya gisirikare cyangwa se 'operation' zasize amateka akomeye n'impinduka nyinshi, haba muri Afurika no ku yindi migabane.

## 1. Operation Trojan Horse


Iyi ni imwe muri Operation za Gisirikare zikomeye zabayeho mu mateka y'Isi zakoranywe ubwenge, amayeri n'ubuhanga budasanzwe.

Nk'uko inyito yayo ibyivugira, yakozwe hifashishijwe ifarashi nini cyane yabajwe mu giti. Abasirikare b'Abagereki bashakishije uko bajya gusenya urugo rw'Umwami Priam wa Troie, niko kumuhenda ngo bamwoherereje impano ikoze mu ishusho cy'ifarashi nini cyane, nyamara yuzuyemo Abakomando kabuhariwe 30 b'Abagereki, binjira umujyi batyo.

Ubwo kandi hari mu kinyejana cya 12 mbere y'Ivuka rya Yezu hatagira n'ugirango ni vuba aha.

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo "Nyakibi ntarara bushyitsi". Muri iryo joro, ba bakomando basohotse bucece muri cya kibumbano, baromboka bakingura imiryango y'inzugi z'imitamenwa z'inkike zari zigose umujyi wa Troie ubundi abasirikare bene wabo b'Abagiriki bari barekereje hanze aho si ukuwirohamo bivayo basenya kandi batwika ikintu cyose cyari muri uwo mujyi.

Iyi Operation bamwe bavuga ko isa n'idashoboka, abandi bakavuga ko yakoranywe ubwenge kabuhariwe.




*Operation Trojan Horse ni imwe muri zikomeye zabayeho mu mateka y'Isi zakoranywe ubwenge, amayeri n'ubuhanga budasanzwe*

## 2. Igitero kuri Eben-Emael cyakozwe n'Abadage ku Babiligi

Iyo nayo ni imwe muri Operation zubatse izina mu kinyejana cya 20 cyane ko ari nayo yabaye iya mbere ikozwe mu buryo bwari bugezweho, yatumye igisirikare cyo mu Isi ya none gitangira gutekereza no kubaka imitwe yihariye y'Abakomando.

Abasirikare b'Abadage bo mu itsinda rimanukira mu mitaka rizwi nka Fallschirm-Jäger bigabije inkambi y'Abasirikare b'Ababiligi yari iherereye ku mpinga z'imisozi ya Eben-Emael, ahari inzira yoroshye yo gutera u Bufaransa mu ntambara ya kabiri y'Isi yose.

Bari biganjemo abahanga mu by'ubwubatsi no gusenya ibintu bikomeye bose hamwe 80, bayobowe na Capt. SA Koch, bashoboye gusenya igikuta cyari cyarubatswe n'Ababiligi mu rwego rwo kubuza Abadage kwigabiza u Bufaransa.

Mu gahe gato aba ba 'Para-Komando' bigabije icyo kigo cy'Ababiligi kuwa 10 Gicurasi 1940, basenya intwaro zabo zose, mu gihe abandi basirikare b'Abadage bari bahasesekaye kubatera ingabo mu bitugu.

Kugeza n'ubu, Abasirikare b'Abadage bagize uruhare muri iki gitero bambitswe imidali y'ubutwari kubera ubuhanga n'ubushobozi berekanye muri iyo operation.

## 3. Operation Neptune Spear yaguyemo Ossama Bin Laden

Iki gitero cyahitanye Osama Bin Laden kuwa 01 Gicurasi 2011 kiri mu bidateze kwibagirana mu mateka y'Isi. Ni igitero cyakoreshejwemo ibikoresho n'Abakomando bo mu itsinda The Naval Warfare Development Group ryo mu Ngabo za Amerika zizwi nka Navy Seal.

Uko bari muri Kajugujugu zabo zo mu bwoko bwa Black Hawk, bafite amakuru y'iperereza ahagije ku mujyi wa Abbottabad uherereye ku bilometero bisaga 500 uturutse ku mupaka wa Pakistan ya Afghanistan aba basirikare baturutsemo, babashije kwinjira mu rugo rwa Osama baramuhitana, kandi bose basoza iki gikorwa nta n'umwe ukomeretse.



***Rob O'Neill*** *niwe musirikare warashe amasasu atatu yahitanye Osama Bin Laden*



*Mu gikorwa cyo guhiga Osama, Obama n'abandi bayobozi ba Amerika baraye bicaye ijoro ryose bakurikira uko kiri kugenda*

## 4. **Operation Nimrod kuri Ambassade ya Iran i Londres**

Ni Operation ya Gikomando yakozwe n’Amatsinda abiri yo mu Ngabo zidasanzwe zirwanira mu kirere z’u Bwongereza zizwi nka The British Special Air Service.

Iyi Operation ifite umwihariko kuko mu gihe yakorwaga, yatambukaga imbonankubone kuri za Televiziyo n’Amaradiyo akomeye yo ku Isi yose.

Ni mu gihe ibyihebe bigera kuri bitandatu byari bimaze gufata bugwate abantu bagera kuri 26 muri Ambassade ya Iran mu Bwongereza, aho babamaranye iminsi itandatu yose uhereye kuwa 31 Mata kugeza kuwa 05 Gicurasi 1980.

Aho ibiganiro Guverinoma y’u Bwongereza yagiranaga n’ibi byihebe binaniraniye, ndetse ibyihebe bigatangira kwica imbohe, Abakomando kabuhariwe 30 bamanukiye mu bisenge bya Ambassade ya Iran, barwana bikomeye n’ibyihebe.

Imbere ya za Camera zitandukanye ibyo byihebe byarishwe harokokamo umwe, nawe waje gufatwa nyuma ahabwa igihano cy’imyaka 27 y’igifungo. Ni Operation yamaze iminota 17 yose ariko yari iy’amaraso.

5. **Operation Moscow Theater Rescue, Ingabo z'u Burusiya zakoreshejemo imiti isinziriza**

Ni nyuma y'icyumweru ibyihebe 40 by'Aba- Chechnya byagize imbohe abantu basaga 800 muri imwe mu nzu z'imyidagaduro mu mujyi wa Moscow, hari mu Ukwakira 2002.

Itsinda Sptznaz ryo mu itsinda Alpha ry'Abakomando kabuhariwe bo Ngabo z'u Burusiya, bafite intwaro zikomeye, babashije kwinjira mu nzu ibyo byihebe byari byigaruriye babirasa nta n'umwe ubacitse.

Mbere yaho ariko, Ingabo z'u Burusiya zabanje kubaminjagiraho imiti itera ibitotsi, yaba ibyihebe cyangwa imbohe, bose barabasinziriza n'uko urugamba ruba rurangiye gutyo.

Iyi niyo operation yakozwe hifashishijwe ubwoko bw'imiti itarabashije kumenyekana kugeza ubu.

6. **Igitero ku Kibuga cy'Indege cya Entebbe muri Uganda**

Iki ni igitero cyakozwe n'umwe mu mitwe y'Abakomando kabuhariwe witwa Seyaret Maktal wo mu ngabo za Israel, wakunze kuvugwaho kugaba ibitero bikaze hanze y'igihugu cyabo.

Kuwa 27 Kanama 1976 nibwo ibyihebe byo mu mutwe wa PFLP waharaniraga kubohoza Palestine byigaruriye Indege ya kompanyi Air France yari ivuye Tel-Aviv igana i Paris, ariko igomba kunyura i Athens mu Bugereki.

Mu bagenzi binjiriye i Athens harimo ibyihebe bine, bibiri byo mu mutwe wiyitaga uwa rubanda uharanira kubohora Palestine ariko warwaniraga hanze y'igihugu (PFLP-EO), ukayoborwa na Wadie Haddad, ibindi bibiri byari Abadage Wilfried Böse na Brigitte Kuhlmann, bo mu mutwe w'iterabwoba German Revolutionary Cells.

Abo bayobeje iyo ndege yerekeza i Benghazi muri Libya bahamara amasaha arindwi bongeramo amavuta. Icyo gihe abayobeje indege barekuye umunya-Israel wavukiye mu Bwongereza, Patricia Martell batekerezaga ko ashobora kugira ibibazo bitewe no gutwita.

Basabye miliyoni eshanu z'amadolari kugira ngo barekure indege, ndetse bongeraho ko Israel igomba kurekura imfungwa 53 z'Abanya-Palestine zirimo n'ingabo 40 ngenzi zabo n'abandi 13 mu bindi bihugu.

Gusa impande zombi zananiwe kumvikana. Israel yifashishije Abakomando 100 bari bayobowe na Lt Col Yonatani Netanyahu murumuna wa Minisitiri w'Intebe uriho kuri ubu muri Israel.

Indege yavuye Benghazi nka saa 3:15 z'umugoroba kuwa 28 Kanama, nyuma y'amasaha arenga 24 ihagurutse i Tel Aviv igera ku kibuga cya Entebbe muri Uganda.

Ingabo za Israel zageze ku kibuga cya Entebbe kuwa 3 Nyakanga saa tanu z'ijoro, zitwaje imodoka y'umukara ya Mercedes yasaga neza n'iyatwaraga Idi Amin n'izindi za Land Rovers zakundaga kumuherekeza zibasha guca ku burinzi.

Igitero cyose cyamaze iminota 53, kubohora abantu bitwara 30 gusa. Ibyihebe byose byarishwe ndetse n'abasirikare ba Uganda bari hagati ya 33 na 45 baricwa. Abari bafashwe bugwate bagera ku 102 basubijwe muri Israel banyuze i Nairobi muri Kenya.


Mu mirwano itaramaze igihe kinini, abakomando batanu ba Israel barakomeretse ndetse uwari ubayoboye, Yonatan Netanyahu ahasiga ubuzima.

Na n'ubu iyi operation iri mu zigwa cyane mu mashuri ya Gisirikare ku Isi yose.



*Indege y'intambara,C-130 Hercules,[yafotowe iri i Entebbe] ni imwe mu zakoreshejwe muri iki gitero*

**<u>Uko byagenze ku ya 4 Nyakanga 1976 ubwo Israel yagabaga igitero muri Uganda</u>**




***Yonatan Netanyahu**, umuvandimwe mukuru wa Benjamin Netanyahu, Minisitiri w'Intebe wa Israel kuri ubu niwe wari uyoboye urugamba*




*Abanya-Israel bahobeye abo mu miryango yabo, abagabo basoma abagore babo ibyishimo birabataha*



*Abanya-Israel ubwo bari bageze mu gihugu cyabo nyuma yo kurokorwa*



*Entebbe, aho abakomando ba Israel yakoreye amateka Abagande batazibagirwa*



*Abasore bake cyane nibo bayogoje Uganda, nyuma yo kurangiza ubutumwa bwabo bamaze kurokora abari bafashwe bunyago bafashe ifoto k'urwibutso*





*Perezida Amin [ibumoso] aterera isaruti abasirikare ba Uganda baguye muri icyo gitero*